UKEKA KO UMWANA WAWE AFITE

ISERU?

Icyo wakora mu gihe ukeka ko umwana wawe yaba afite iseru

Akenshi iseru itangirana n'ikimenyetso cyo kugira umuriro, gukorora, kuzana ibimwira, gutukura amaso biganisha ku gushesha ibiheri. Mu gihe umuntu mu muryango wanyu afite ibimenyetso by'iseru:

Mumurinde kwegerana n'abandi bagize umuryango batarwaye.

Buri wese agomba kuguma mu rugo kugira ngo mutanduza abaturanyi cyangwa abandi bantu mutabana.

Mwihutire guhamagara muganga cyangwa ibitaro kugira ngo mubamenyeshe ko hari umuntu mu rugo ushobora kuba arwaye iseru. Bazaguha amabwiriza.

Ni ryari ugomba kujya ahakirirwa indembe

Igihe umuntu urwaye arembye ku buryo bwihuse cyangwa afite kimwe mu bimenyetso bigaragara hasi, ugomba guhita umujyana mu ishami ry'ibitaro ryita ku ndembe.

NTUGOMBA GUTEGEREZA.

Ibibazo byo guhumeka
(cyangwa guhumeka cyane mu buryo budasanzwe)

Kubabara igihe uhumetse cyangwa ukoroye

Ufite amazi make mu mubiri
(kumagara mu mazuru cyangwa mu kanwa, kwihagarika gake, kuriwra ariko ntuzane amarira)

Umuriro cyangwa kuribwa umutwe bidahagarara

Kwitiranya ibintu, kugabanyuka k'ubushobozi bw'imitekerereze, cyangwa gucika intege ku buryo bukomeye

Kugira ibara ry'ubururu ku minwa, imbaraga nke, cyangwa kugabanyuka k'ubushake bwo kurya
(ku bana bakiri bato)

Ugomba guhamagara mbere y'uko uhagera. Ugomba kumenyesha ibitaro ko umuntu urwaye iseru agiye kuza.